REPUBULIKA Y'U RWANDA

Gatsibo, Kuwa 04/01/2017
Ref No Njy /124../07.05.03/09

INTARA Y'IBURASIRAZUBA
INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GATSIBO

AKARERE KA GATSIBO

gatsibodistrict@gatsibo.gov.rw

Eastern Province
For reception
Date 08 FEB 2017
Signature

GATSIBO DISTRICT
Reception
Date :.... 08 FEV 2017
Signature :

Madamu Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

Rwamagana.

Impamvu: Kubagezaho imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama.

Madamu Guverineri,

Nejejwe no kubandikira ngirango mbagezeho, ku mugereka w'iyi baruwa inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo yateranye kuwa kabiri tariki ya 31/01/2017.

Mugire amahoro.

RUKEMANGANIZI Cyprien

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka **Gatsibo.**

MINALOC
Pour réception
Date 08 FEV 2017
Signature

Bimenyeshejwe:

- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  KIGALI.
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo.
  GATSIBO

IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GATSIBO YATERANYE KUWA KABIRI TARIKI YA 31/01/2017

Inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo yateraniye ku cyicaro cy'Akarere kuwa kabiri tariki ya 31/01/2017, iyobowe n'Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama Bwana RUTAYISIRE K. Wilson kubera ko Umuyobozi yari mu butumwa bw'akazi;

Inama yatangiye imirimo yayo saa tatu n'iminota mirongo itanu(9H50) hari Abajyanama 26 kuri 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere; yitabiriwe n'Abayobozi b'Inama Njyanama n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge yose igize Akarere ka Gatsibo bari batumiwe.

Ku murongo w'ibyigwa hateganyijwe ingingo zikurikira:

1. Kwemeza ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Gatsibo y'umwaka wa 2016-2017;
2. Kwemeza gahunda ivuguruye y'itangwa ry'amasoko y'Akarere mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2016-2017;
3. Gusuzuma raporo ya Komisiyo adhoc yashyiriweho ikibazo cya NDAYAMBAJE Aloys.

1. KWEMEZA INGENGO Y'IMARI IVUGURUYE Y'AKARERE KA GATSIBO Y'UMWAKA WA 2016-2017;

Perezida wa Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu yagejeje ku Nama Njyanama, umushinga w'ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere y'umwaka wa 2016-2017, maze imaze kuwunguranaho ibitekerezo, ifata imyanzuro ikurikira:

3.1 Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye, yemeje ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Gatsibo y'umwaka wa 2016-2017, ingana n'amafaranga y'u Rwanda ***Miliyari cumi n'enye miliyoni magana abiri mirongo ine n'ebyiri ibihumbi magana arindwi mirongo itatu na kimwe n'ijana mirongo itandatu n'ane (14,242,731,164 Frw)*** ivuye kuri Miliyari cumi n'eshatu miliyoni mirongo cyenda n'umunani ibihumbi magana atandatu mirongo itandatu na bibiri magana arindwi mirongo irindwi n'umunani **(13,098,662,778 Frw)** yari yatowe mu nama yayo yateranye tariki ya 30/06/2017.

3.2 Inama Njyanama yemeje ko ingengo y'imari igabanije mu bice bikurikira:

a) Amafaranga agenewe imishahara y'abakozi *(Block Grant)* angana n'amafaranga y'u Rwanda ***Miliyari imwe miliyoni magana arindwi makumyabiri n'imwe ibihumbi magana ane cumi na birindwi na magana atanu mirongo irindwi n'ane*** **(1,721,417,574 Frw)** atarahindutse, angana na **13%** y'ingengo y'imari;

b) Inkunga zigenewe ibikorwa byihariye *(Earmarked transfers)* zingana n'amafaranga y'u Rwanda ***Miliyari icyenda na miliyoni magana atatu mirongo ine n'esheshatu ibihumbi magana atanu mirongo cyenda n'umunani na magana ane n'atandatu (9,346,598,406 Frw)*** zivuye kuri Miliyari icyenda miliyoni ijana mirongo itatu n'ebyiri n'ibihumbi magana inani mirongo itanu na bitatu magana ane mirongo inani n'arindwi **(9,132,853,487 Frw)**, angana na **66%** y'ingengo y'imari;

c) Imisoro n'amahoro byinjizwa n'Akarere *(District Own revenues)* angana n'amafaranga y'u Rwanda ***Miliyoni magana inani mirongo inani n'esheshatu n'ibihumbi magana atandatu mirongo inani na magana arindwi makumyabiri n'cyenda (886,680,729 Frw)*** akaba atarahindutse, angana na **7%** y'ingengo y'imari;

d) Izindi nkunga zikomoka mu nzego za Leta *(Transfers From Other Gort Agencies)* zingana n'amafaranga y'u Rwanda ***Miliyoni ijana na makumyabiri n'esheshatu ibihumbi magana inani na kimwe na mirongo icyenda na rimwe (126,801,091Frw)*** zivuye kuri Miliyoni mirongo itanu n'imwe n'ibihumbi magana inani mirongo ine na kimwe na mirongo icyenda na rimwe **(51,841,091 Frw),** angana na **1%** y'ingengo y'imari;

e) Amafaranga y'Abaterankunga *(External Grants)* angana n'amafaranga y'u Rwanda ***Miliyari imwe miliyoni magana abiri mirongo ine n'ebyiri ibihumbi magana inani mirongo inani na bitatu na magana atatu mirongo cyenda n'arindwi (1,242,883,397 Frw)*** avuye kuri; Miliyari imwe na miliyoni magana atatu n'eshanu n'ibihumbi magana inani mirongo itandatu n'icyenda na magana inani mirongo icyenda n'arindwi (**1,305,869,897 Frw**), angana na **8%** y'ingengo y'imari;

f) Amafaranga ya Extra Bugdetary cyangwa opening balance angana n'amafaranga y'u Rwanda ***Miliyoni magana cyenda makumyabiri n'umunani ibihumbi magana atatu mirongo ine n'icyenda na magana cyenda mirongo itandatu na arindwi (928,349,967 Frw)***, angana na **7%** y'ingengo y'imari.

3.3 Inama Njyanama yemeje icyemezo cy'Inama Njyanama **N° 123/07.05.03/09 cyo kuwa 31/01/2017** gishyiraho ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Gatsibo y'umwaka w'ingengo y'imari 2016-2017 mu buryo busesuye.

2. KWEMEZA GAHUNDA IVUGURUYE Y'ITANGWA RY'AMASOKO Y'AKARERE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI WA 2016-2017;

Inama Njyanama imaze kugezwaho imiterere y'amasoko y'Akarere (Procurement Plan) yari yemejwe mbere na gahunda ivuguruye yayo, yemeje mu bwumvikane busesuye amasoko mirongo itanu na rimwe (51) ateganyijwe mu mwaka w'ingengo y'imari 2016-21017.

3. GUSUZUMA RAPORO YA KOMISIYO ADHOC YASHYIRIWEHO IKIBAZO CYA NDAYAMBAJE ALOYS.

Inama Njyanama yakiriye raporo yagejejweho na Perezida wa Komisiyo idasanzwe yashyizweho n'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 30/12/2016, hashingiwe ku ibaruwa N° OMB/3.03/2513/12.16/GCM yo kuwa 10/12/2016, Umuvunyi Mukuru yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama amusaba kongera gusuzuma ikibazo kijyanye n'ubutaka bwa NDAYAMBAJE Aloys, bwahawe BITWAYIKI André ho ingurane ku bwe bwubatswemo Umudugudu wa Rwagitima.

3.1 Inama Njyanama yashimye uburyo Komisiyo idasanzwe yakoresheje kugira ngo imenye ukuri ku kibazo kuko yagiranye imishyikirano na Ndayambaje Aloys ubwe n'abagize umuryango we, abaturanyi na bamwe mu bari bagize Komite y'isaranganya;

Inama Njyanama yasanze harimo ibintu bibiri by'ingenzi bikwiye kwitabwaho:

1. Isambu Ndayambaje Aloys aregera ayita iye akavuga ko yatwawe na Bitwayiki André, atari ukuri kuko yasaranganyijwe imiryango itatu harimo uwa Bitwayiki André, uwa Cyondo Peter n'uwa Gatera ufite umugore witwa Mukarushema;
2. Kuba hakubahirizwa ibyakozwe na Komite yari ishinzwe gusaranganya ubutaka kuko yakurikije amabwiriza yariho yagengaga isaranganya;

3.2 Inama Njyanama yasabye Umuyobozi w'Inama Njyanama gusubiza Umuvunyi Mukuru ashingiye ku byagaragajwe kandi ku ibaruwa ye akomekaho inyandikomvugo ya Komisiyo idasanzwe yashyiriweho ikibazo cya Bwana Ndayambaje Aloys;

3.3 Inama Njyanama yasabye Abajyanama kujya baba hafi y'Abayobozi b'inzego z'ibanze mu rwego rwo kubafasha mw'ikemurwa ry'ibibazo zikunda guhura nabyo.

Umwanditsi w'inama	**Umuyobozi w'inama**
.....	.....
YANKURIJE Marie Goretti	**RUTAYISIRE K.Wilson**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama	**Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama**